ASb approved



# Inzu ya Luwo

Ibitabo bito bya Zebra

Yakobo Matayo

Kinyarwanda

African Storybook.org



Luwo yagiye
mu rusengero
ari kumwe na
nyina.

Yafashe ukuboko
mu nzira.



Imbere mu urusengero hari abantu benshi bateraniye.

Baririmbaga.



Luwo yavuye
mu rusengero.

Nyina ntiyigeze
amubona.



Luwo yahagaze mu nzira.

Yareba mu nzira, aratekereza ati: "Inzu yanjye iri he?"



Yakurikiye rero inzira. Yabonye inzu nini.

"Oya, ntabwo ari inzu yacu. Inzu yacu ni nto."



Luwo yagenze gato. Yabonye inzu iri hejuru.

"Oya, ntabwo ari inzu yacu. Inzu yacu ntabwo iri hejuru."



Yakomeje kugenda. Yabonye inzu nto y’ibyatsi.

"Oya, ntabwo ari inzu  yacu.  Inzu yacu ifite inkuta z'ibyondo."



Luwo yagiye kure. Yabonye inzu nto ifite igiti hanze.

"Oya, ntabwo ari inzu yacu. Inzu yacu ifite ibiti bibiri hanze."



Amaherezo, Luwo yabonye nyina aje amugana. Luwo yiruka aho ari.

Nyina ati: "Reka dusubire iwacu!"



Niyihe nzu ya Luwo?

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Inzu ya Luwo

**Umwanditsi** -- Ibitabo bito bya Zebra
**Icyitegererezo** -- Yakobo Matayo
**Ubuhinduzi** – Francine Muhawenimana-
**Ururimi** -- Ikinyarwanda
**Urwego** -- Interuro yambere

© Igitabo Nyafurika Initiative 2019
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
**Inkomoko** www.africanstorybook.org
**Inkomoko yumwimerere** JOCUM and Mercy Air

**2023.08.24**